IKINYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 20, KIGENEWE

ABAHINZI- BOROZI IGICE CYA KABIRI NYAKANGA (11-20), 2020

Cyasohotse ku itariki ya 22 Nyakanga 2020

Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Nyakanga 2020 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, Ku bupimiro bwo ku Kibuga cy'indege cya Kigali, Byimana, Busogo, Rubavu no ku bupimiro bwa Rubengera niho haguye imvura nyinshi kurusha ahandi hasigaye mu gihugu. Ahaguye imvura nyinshi ni ku bupimiro bwa Busogo hapimwe milimetero 16.

Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya kabiri cya Nyakanga, Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 19.7 muri Musanze ndetse na Gicumbi na 29.7°C muri Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 11.0°C muri Musanze ku bupimiro bwa Busogo na 17.7°C ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi.

Ishusho 1: Imvura yaguye ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyo minsi.

1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Nyakanga 2020.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Nyakanga 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi y'igice cya kabiri cyari hagati ya milimetero 0 na milimetero 16. Ku bupimiro bwa Busogo no ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Rubavu niho haguye imvura nyinshi kurusha ahandi hasigaye. Imvura yapimwe ikaba yaranganaga na milimetero 16 ku bupimiro bwa Busogo mu karere ka Musanze na milimetero 6.9 ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Rubavu mu karere ka Rubavu.

Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mugice cya kabiri Nyakanga 2020 muri mm

1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Nyakanga

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Nyakanga.

Ubusanzwe igice cya kabiri cya Nyakanga kigusha imvura iri hagati ya milimetero 0 na 4.8; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye yari nyinshi ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Kigali, Byimana, Busogo Rubavu na Rubengera ahandi haguye imvura nke cyane ndetse ahenshi ntiyaguye ariko bikaba ari ibisanzwe muri iki gice cya kabiri cya Nyakanga.

Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Nyakanga

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya kabiri mu kwezi kwa Nyakanga 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri iki gice umunsi umwe wabonetse ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Kigali, Byimana, Busogo ndetse na Rubavu naho iminsi ibiri yabonetse ku bupimiro bwa Rubavu, ahandi hasigaye nta mvura yabonetse.

Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumenze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabiri cya Nyakanga 2020 bwaragabanutse cyane bitewe n'ibihe by'izuba byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kugabanuka mu gice cya gatatu cya Nyakanga bitewe n'uko ibi bihe by'izuba bizakomeza.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire; mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi. Mu Ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 19.7 na 27.0 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 29.7. Ugereranyije n'iminsi icumi y'igice cya mbere cya Nyakanga ubushyuhe bwo hejuru bwiyongereheyo gato.



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 11.0^0C (Musanze) na Dogere Selisiyusi 17.7^0C (Bugarama). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha utundi duce tw'igihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Nyakanga (tariki 21-31) 2020

3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Nyakanga (hagati y'italiki ya 21 n'iya 31 Nyakanga) mu Rwanda hateganyijwe kurangwa n'imvura iri hagati ya milimetero 0 na 20mm. Mu karere ka Rubavu, n'ibice bihana imbibi mu turere twa Rutsiro na Nyabihu hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na 20 mu gihe ahasigaye mu turere twa Nyabihu na Rutsiro hiyongereyeho igice cy'akarere ka Musanze, Nyamasheke, Nyamagabe na Rusizi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 10 na 15. Ahasigaye mu Ntara y'Iburengerazuba no mu karere ka Nyamagabe na Nyaruguru no mu bice bimwe na bimwe by'intara y'Amajyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 5 na 10.

Ahasigaye hose hateganyijwe imvura nke iri munsi ya milimetero 5 aho igice kinini kigize intara y'Iburasirazuba n'Amayaga hateganyijwe imvura iri munsi ya milimetero imwe (ubusobanuro bwa buri hantu n'imvura ihateganyijwe bigaragara mu ikarita iri hasi).

Imvura iteganyijwe mu gice cya gatatu cya Nyakanga 2020 iri ku kigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu gice cya gatatu cya Nyakanga mu gihugu hose.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya gatatu cya Nyakanga 2020.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ko imvura irimo gucika ndetse ikazagabanuka cyane mu gice cya gatatu cya Nyakanga 2020 (tariki 21-31), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gukurikiranira hafi ibihingwa ndetse bakaba banahinga cyane cyane mu bishanga n'ahandi hantu kuvomera bizaborohera, kandi bakomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.